# AMATEGEKO N’AMABWIRIZA IGIHE URIMO KWITUMA

ISLAM ISHISHIKARIZA UMUYISLAMU GUHORA ARANGWA N’ISUKU, IGARAGARA N’ITAGARAGARA, AKANIRINDA UMWANDA WA NAJISI ZOSE NDETSE N’INDI MYANDA KU MUBIRI, KU MYAMBARO NO KUBUTAKA USENGERAHO, AKANITA KU IBIMUKIKIJE MU GUTANGAZA KO IDINI YA ISLAM ARI IDINI Y’UBWIZA N’ISUKU, NDETSE INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N’IMIGISHA) YAGIZE ISUKU KO ARI IGICE KIGIZE UKWEMERA.

YARAVUZE ATI “UKWISUKURA NI IGICE KIGIZE UKWEMERA”

ISLAM RERO IKABA YARABUJIJE UMUYISLAMU KUBA YAKWITUMA MU NZIRA Y’ABAGENZI CYANGWA AHO ABANTU BAKENERA KWICARA.

INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N’IMIGISHA) YARAVUZE ATI “MUJYE MUTINYA IMIVUMO IBIRI, BARAVUGA BATI: NI IYIHE MIVUMO IBIRI YEWE NTUMWA Y’IMANA? NI UMUNTU KWITUMA MU NZIRA Y’ABANTU CYANGWA AHO BUGAMA IZUBA”

ISLAM KANDI IMUBUZA KWITUMA MU MAZI ADATEMBA KUGIRA NGO ATAYANDUZA.

MURI HADITH INTUMWA MUHAMADI YABUJIJE KUNYARA MU MAZI ADATEMBA.

NO KUBERA IYO MPAMVU ISLAM YASHYIRIYEHO UMUYISLAMU AMATEGEKO N'AMABWIRIZA AGOMBA KWITWARARIKA IGIHE YITUMA.

IMUTEGEKA KWIGENGESERA IGIHE YIHAGARIKA KUGIRA NGO INKARI ZITAMUTARUKIRA.

INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA) YARAVUZE ATI "MUJYE MWIRINDA KO INKARI ZIBATARUKIRA, KUKO IBYINSHI MU BIHANO BYO MU MVA BITURUKA KURI ZO"

NI NGOMBWA KO UMUNTU UMAZE KWITUMA YISUKURAHO NAJIS AKORESHEJE AMAZI CYANGWA IBINONKO BISUKUYE CYANGWA ZA MOSHOIR.

NTABWO BYEMEWE GUKORESHA UBUKOBO KW'IBURYO MU KWISUKURA IGIHE UMAZE KWITUMA, MU RWEGO RWO KUBAHA INDYO.

INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA) YSRSVUZE ATI "UMWE MURI MWE NIYINJIRA MURI WC NTAGAFATE UBWAMBURE BWE N'UKUBOKO KWE KW'INDYO"

AMWE MU MABWIRIZA UMUNTU YITWARARIKA IGIHE YITUMA:

NANONE AGOMBA KUVUGA UBUSABE BWATURUTSE KU INTUMWA, IGIHE YINJIRA CYANGWA ASOHOKA MURI WC, INTUMWA MUHAMADI IYO YINJIRAGA MURI WC YARAVUGAGA ATI

“ALLAHUMA INIY AWUDHU BIKA MINAL KHUBUTHI WAL KHABAITHI”

YASOHOKA MURI WC AKAVUGA ATI “GUFURANAKA”

KANDI NTAGOMBA KWEREKERA QIBLAT NTA NUBWO AYITERA UMUGONGO IGIHE YITUMA.

INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N’IMIGISHA) YARAVUZE ATI “IGIHE MUGIYE MURI WC NTIMUKEREKERE QIBLAT KANDI NTIMUKAYITERE UMUGONGO, MWIHAGARIKA CYANGWA MWITUMA IBIKOMEYE, AHUBWO MUJYE MWEREKERA IBURASIRAZUBA CYANGWA IBURENGERAZUBA, KANDI UMUNTU NTAGOMBA KUJYANAMO

IKINTU KIRIHO IZINA RY'IMANA, NTANAGOMBA KUVUGA IZINA RY'IMANA N'URURIMI RWE IGIHE ARIMO KWITUMA"

UWITUMA KANDI AGOMBA KUJYA AHIHEREREYE KANDI NTIYIYAMBURE IMBERE Y'ABANTU.

INTUMWA MUHAMAD YARAVUZE ATI "JYA UHISHA UBWAMBURE BWAWE"

MU BY'UKURI KWISUKURA KU MUBIRI NDETSE NO GUSUKURA IBIDUKIKIJE, NI KIMWE MU BITUMA IMANA IGUKUNDA.

KUKO IMANA MU GUTAKA ABANTU BO MU MUSIGITI WA QUBAI YARAVUZE ITI "HARIMO ABAGABO BAKUNDA

KWISUKURA, KANDI IMANA IKUNDA ABISUKUYE”